# IKINYAMAKURU INTWARARUMURI

UKWAKIRA - UKUBOZA 2025

Unity Club

"Towards a common goal"




*Bafatanyabikorwa, Nshuti, Basomyi,*

Twishimiye kubagezaho amakuru y'ingenzi ku bikorwa twakoze mu gihembwe cya kabiri, gihera mu kwezi k'Ukwakira kugeza mu Ukuboza 2025. Ibikorwa tubamurikira muri iki kinyamakuru cyacu **"Intwararumuri"** bishingiye kuri gahunda n'imishinga itandukanye ya Unity Club igamije guteza imbere Ubumwe, Ubudaheranwa n'imibereho myiza by'Abanyarwanda, byo nkingi y'amahoro n'iterambere birambye.



# IBIRIMO

**01**
Inama y'Inteko Rusange y'abanyamuryango ba Unity Club Intwararumuri ..... 04

**02**
Ihuriro ngarukamwaka rya 18 rya Unity Club Intwararumuri
- 2.1. Umuyobozi Mukuru wa Unity Club, Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME yatangije Ihuriro rya 18
- 2.2. Igipimo cy'Ubumwe bw'Abanyarwanda 2025
- 2.3. Ikiganiro nyunguranabitekerezo: "Amahitamo yacu, Isoko y'Ubudaheranwa"
- 2.4. Impanuro za Nyakubahwa Paul Kagame, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda mu gitaramo gisoza Ihuriro rya 18

..... 08

**03**
Kumenyekanisha Ihuriro rya 18
- 3.1. Inyandiko ngufi: Umuntu wuje Umutimana n'Umutimanama
- 3.2. Ibiganiro ku ma Radio na Televisiziyo

..... 12

**04**
Urubuga rwa Ndi Umunyarwanda kuri RBA ..... 13

**05**
Kuzirikana k'Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda ..... 13

**06**
Gushimira Abafatanyabikorwa ba Unity Club ..... 14

**07**
Unity Club yungutse Abanyamuryango bashya ..... 16

**08**
Abanyamuryango ba Unity Club bifatanije n'ababyeyi b'Intwaza kwizihiza Iminsi mikuru isoza umwaka wa 2025 ..... 17

**09**
Kwagura Palliative care unit ya Huye ..... 18

**10**
Ibikorwa by'ingenzi biri imbere ..... 19



..... 05

# 01 INAMA Y'INTEKO RUSANGE Y'ABANYAMURYANGO BA UNITY CLUB INTWARARUMURI





*Umuyobozi Mukuru wa Unity Club, Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME, niwe wayoboye imirimo y' Inteko Rusange*

Hashingiwe ku mategeko agenga Umuryango Unity Club Intwararumuri, Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME, Umuyobozi Mukuru wa Unity Club yatangije kandi anayobora inama y'Inteko Rusange yabereye ku Intare Conference Arena i Rusororo kuwa 7/11/2025. Iyi nama yitabiriwe n'abanyamuryango 184, irangwa n'ibikorwa bikurikira:

- Kwakira Abanyamuryango bashya
- Kwemeza raporo y'Ibikorwa bya Unity Club Intwararumuri by'umwaka 2024-2025 na Gahunda y'Ibikorwa biteganyijwe 2025-2026
- Kwemeza ivugururwa ry'amategeko ya Unity Club Intwararumuri
- Kuzuza inzego z'Ubuyobozi za Unity Club
- Umwiherero wa 5 w'Abanyamuryango

## a. Inteko rusange yakiriye abanyamuryango bashya 20






ABANYAMURYANGO BASHYA 20
BA UNITY CLUB INTWARARUMURI

| Umunyamuryango Byuzuye (Effective members) | Umunyamuryango wunganira (Associate members) |
|---|---|
| 1. Mme Victoire MUHAWENIMANA | 2. Hon. Dr. Justin NSENGIYUMVA |
| 3. Hon. Nelly MUKAZAYIRE | |
| 4.Mme Josine MUGABEKAZI KINANIRA | 5. Hon. Rwego NGARAMBE |
| | 6. Hon. Godfrey KABERA |
| 7. Mme Françoise INGABIRE | 8. Hon. Dominique HABIMANA |
| 9. Dr. Bellancile UZAYISENGA | 10. Hon. Telesphore NDABAMENYE |
| 11. Hon. Dr. Bernadette ARAKWIYE | 12. Bwana Felix NDAGIJIMANA |
| 13 Mme Joëlle MURARA | 14. Bwana Jean Guy Afrika KWANUKA |
| 15. Mme Juliana MUGANZA | 16. Arnold MUNGA |
| 17. Dr. Doris UWICYEZA PICARD | 18. Eric PICARD |
| 19. Mme Diane TUYISENGE | 20. Yves IRADUKUNDA |

*Umuyobozi Mukuru wa Unity Club, Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME, ari kumwe n'Abanyamuryango bashya bakiriwe mu Inama y'Inteko Rusange hamwe n'abandi banyamuryango bagize Biro ya Unity Club*



## b. Kwemeza raporo y'Ibikorwa bya Unity Club Intwararumuri by'umwaka 2024-2025 na Gahunda y'Ibikorwa biteganyijwe 2025-2026




Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Unity Club, Madame Julienne UWACU, yagaragarije Inteko Rusange ibikorwa by'ingenzi byagezweho mu mwaka wa 2024-2025 na Gahunda y'ibikorwa 2025-2026 n'Ingengo y'Imari yabyo.

## c. Kwemeza ivugururwa ry'amategeko ya Unity Club Intwararumuri




*Umuyobozi wa Komite Ikemura amakimbirane muri Unity Club,
Hon. Solina NYIRAHABIMANA
ageza ku Nteko Rusange ingingo z'amategeko zikenewe kuvugururwa*

**d. Mu umwiherero hatowe Abayobozi mu rwego rwo kuzuza inzego ku bari batowe umwaka ushize batakiri muri izi nshingano kubera impamvu zitandukanye:**



Umuyobozi Mukuru Wungirije  Wa Kabiri wa Unity Club,  Madamu Valerie NYIRAHABINEZA



Umuyobozi wa Komite Ngenzuzi,  Madamu Elytha MUNGANYIMANA



Umunyamabanga wa Sukomisiyo ishinzwe gushaka Imari, Madamu Pacifique MUKASETI

**e. Umwiherero wa 5 w'Abanyamuryango**

Umwiherero ni imwe mu nzira Unity Club yahisemo yo guhuriza hamwe abanyamuryango bayo, kugira ngo baganire ku ruhare rwabo mu gushyigikira icyerekezo cy'Igihugu.



*Abanyamuryango ba Unity Club bitabiriye umwiherero*

Uyu mwiherero wa 5 waranzwe n'ikiganiro nyunguranabitekerezo ku Insanganyamatsiko ***"Kuba Intwararumuri, tubigire Intego" cyatanzwe na zimwe mu Intwararumuri kigaruka ku ngingo ebyiri zikurikira:***

- Kwibukiranya Amavu n'Amavuko ya Unity Club n'uruhare rwayo mu kwimakaza Ubumwe bw'Abanyarwanda cyatanzwe na Rt. Hon. Domitilla MUKANTAGANZWA.
  v
- Uruhare rwa Ndi Umunyarwanda mu guhindura ishusho y'u Rwanda n'Abanyarwanda mu rwego mpuzamahanga cyatanzwe na Hon. Olivier NDUHUNGIREHE.



Intwararumuri Dr. Doris UWICYEZA PICARD niwe wayoboye ikiganiro.



*Uhereye ibumoso: Dr. Doris UWICYEZA PICARD, Rt. Hon. Domitilla MUKANTAGANZWA, Hon. Olivier NDUHUNGIREHE.*






# 02 IHURIRO NGARUKAMWAKA RYA 18 RYA UNITY CLUB INTWARARUMURI



*Abitabiriye Ihuriro rya 18*

Tariki 8 Ugushyingo 2025, Imirimo y'Ihuriro yatangijwe kandi inayoborwa na Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME, Umuyobozi Mukuru wa Unity Club ibera ku Intare Conference Arena i Rusororo. Iri Huriro ryari ryubakiye ku insanganyamatsiko yagiraga iti:" Ndi Umunyarwanda: Igitekerezo Ngenga cy'Ukubaho kwacu". Ni insanganyamatsiko igarutsweho ku nshuro ya 7, mu rwego rwo gukomeza gukangurira Abanyarwanda bose, abakuru n'abato kumva ko Ndi Umunyarwanda atari imvugo gusa, ahubwo ko ikwiye kuba ubuzima bwa buri munsi bw'Umunyarwanda, ikaranga imitekerereze, imigirire n'imibanire yabo n'abandi.

Iri huriro ryitabiriwe n'abantu 422 barimo abanyamuryango ba Unity Club, abandi bayobozi mu nzego zinyuranye z'Igihugu, abahagarariye urubyiruko, amadini, Abarinzi b'Igihango, abanyamakuru na sosiyete sivile.

### 2.1. Umuyobozi Mukuru wa Unity Club, Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME yatangije Ihuriro rya 18





*"Kuri twebwe, intero n'inyikirizo izakomeza kuba Ndi Umunyarwanda. Ishingiro ry'ubumwe bwacu n'inzozi dusangiye; dusangiye umuco, dusangiye ururimi, dusangiye igihugu, n'Imana y'u Rwanda kandi ikaba imwe."* - Nyakubahwa Madamu Jeannette Kagame Umuyobozi Mukuru wa Unity Club mu Ihuriro rya 18 rya Unity Club

Ubutumwa burambuye murabusanga hano: *https://tinyurl.com/s4ptwuu2* Ijambo rya Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME, atangiza Ihuriro rya 18 rya Unity Club.

Reba video: *https://www.youtube.com/watch?v=XSSmsqY8Otc*



### 2.2. Igipimo cy'Ubumwe bw'Abanyarwanda 2025




Muri iri huriro, Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu

(MINUBUMWE), Dr. Jean Damascène BIZIMANA, yamuritse igipimo cy'Ubumwe bw'Abanyarwanda 2025 (National Unity Barometer 2025), aho yatangaje ko Igipimo cy'Ubumwe bw'Abanyarwanda 2025, kigaragaza ko ubumwe bw'Abanyarwanda buri ku gipimo cya 95.3%, kivuye kuri 82,3%, cyariho mu 2010; 92,5% cyariho mu 2015 na 94,7% cyariho mu 2020. Ibi bivuze ko kuva 2010-2025 cyiyongereyo 13%.

Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, Dr. Bizimana Jean Damascène, yavuze ko umwihariko w'Igipimo cy'Ubumwe bw'Abanyarwanda cy'uyu mwaka wa 2025 ari uko cyongewemo ingingo y'Ubudaheranwa itari mu bipimo byo mu myaka yashize.

Hongewemo kandi ibyiciro bishya bishingiye ku bibazo binini byagaragaye mu myaka 5 ishize birimo ihohoterwa ry'abacitse ku icumu, ingengabitekerezo ya jenoside ku mbuga nkoranyambaga, amadini n'imiryango ishingiye ku myemerere, imyitwarire mu rubyiruko, n'ibikomere bishingiye ku mateka.

Reba Video: *https://www.youtube.com/watch?v=zljV1CFFRQ*

### 2.3. Ikiganiro nyunguranabitekerezo: "Amahitamo yacu, Isoko y'Ubudaheranwa"




*Abatanze ikiganiro: Uhereye ibumoso, Madamu Sandrine Isheja Butera, Gen. (Rtd.) Fred Ibingira, Madamu Valerie Nyirahabineza na Jean de Dieu Uwizeye.*

Iki kiganiro cyagarutse ku rugendo rw'u Rwanda, kuva ku gitekerezo cyo kubohora Igihugu, guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ndetse n'amahitamo Abanyarwanda bagize yabafashije kongera kubaka Igihugu nyuma y'imyaka 31 ishize.

*Reba Video y'ikiganiro cyatanzwe: https://www.youtube.com/watch?v=8r-Xvfki54Y Ikiganiro nyunguranabitekerezo #UnityClub18thForum*



*Urubyiruko rutanga Ibitekerezo*

*Reba Video ,https://www.youtube.com/watch?v=8r-Xvfki54Y #UnityClub18thForum Kungurana Ibitekerezo*

**2.4. Impanuro za Nyakubahwa Paul Kagame, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda mu gitaramo gisoza Ihuriro rya 18**



Nyakubahwa Paul KAGAME, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, akaba n'Umunyamuryango w'Icyubahiro wa Unity Club Intwararumuri, yashimye uruhare rw'Abayobozi ndetse n'Abanyarwanda mu iterambere ry'Igihugu, ashishikariza buri wese kujya ahora yibaza uruhare rwe muri iryo terambere, ntiyishimire gusa ibyakozwe n'abandi we nta ruhare yabigizemo.



*..."U Rwanda rwacu aho ruvuye, aho rugeze, navuga ko bishingiye kuri mwebwe muri hano ndetse n'Abanyarwanda muyobora, na bo babigiramo uruhare, byo nta gushidikanya.*
*Iteka, kugira ngo ibintu bigende neza kurusha, wajya wibaza uti ariko njyewe, uruhare rwanjye ruba uruhe?"*

Umukuru w'Igihugu yashishikarije buri wese gukora neza ibyo ashinzwe adategereje ko hari undi uzamugoboka.

Yasabye Abanyarwanda kutumva ko bazabaho babikesheje abandi aho yagize ati: *"Kuki bo ariko batadutega amaso ngo babeho?"*

*Reba video yose y'Ijambo rya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika: https://www.youtube.com/watch?v=jAtusWNnaEQ*

Itorero Intwararumuri rya Unity Club niryo ryasusurukije abitabiriye igitaramo.



# 03 KUMENYEKANISHA IHURIRO RYA 18

### 3.1. Inyandiko ngufi: Umuntu wuje Umutimana n'Umutimanama

Intwararumuri Dr. Monique NSANZABAGANWA yanditse inyandiko ngufi (article) ku Ihuriro ngarukamwaka rya Unity Club, yatangajwe mu bice bibiri.



*Intwararumuri*
*Dr. Monique Nsanzabaganwa*

*"Kubungabunga Ubumwe bw'Abanyarwanda ni uguhozaho. Bityo, uruhare rw'Ihuriro rya Unity Club Intwararumuri rukaba rukomeje kuba ingirakamaro mu migendekere myiza y'ibiganiro mu baturage. Iryo Huriro rizakomeza kuba urubuga rwiza ruhurizwamo ibiva mu baturage, bikagera ku rwego rw'Igihugu, hagamijwe ko bimurikira abafite inshingano zinyuranye zo gushyira Gahunda za Leta mu bikorwa. Ni muri ubwo buryo ukubaka "umuntu ucyeye, wuje umutimanama n'umutimamana" kuzagenda gushoboka mu bufatanye, buri wese abigizemo uruhare."*

Igice cya Mbere: *lhttps://tinyurl.com/5h658d2t*
Soma Inkuru hano: *https://tinyurl.com/judprpa3*

Igice cya Kabiri: *: https://tinyurl.com/bd2sfh2k*

### 3.2. Ibiganiro ku ma Radio na Televisiziyo

Mu rwego rwo kumenyekanisha Ihuriro rya 18, hakozwe ibiganiro ku ma Radiyo anyuranye.

Reba hano ibiganiro birambuye

- https://www.youtube.com/watch?v=mUv0MfEvui8
- https://www.youtube.com/watch?v=m-7KiJa2Ow4
- https://www.youtube.com/watch?v=N-seZboIkx4
- https://www.youtube.com/watch?v=ae5dnQZshUI
- https://www.youtube.com/watch?v=9JzITAyskp0



# 04 URUBUGA RWA NDI UMUNYARWANDA KURI RBA




Urubuga rwa Ndi Umunyarwanda n'ibiganiro ngarukakwezi bigaruka kuri Ndi Umunyarwanda, bitegurwa na Unity Club mu bufatanye na MINUBUMWE na RBA. Ni muri urwo rwego hakozwe ibiganiro byagarutse ku nsanganyamatsiko:
*"Twimakaze Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda"*
*"Ihuriro rya 18 rya Unity Club ryasize iki"?*
*"Umurage w'Ubudaheranwa ku Rubyiruko rw'u Rwanda"*

*Reba Ikiganiro kirambuye:*
*https://www.youtube.com/watch?v=dFvk6kMec2U*

*Reba Ikiganiro kirambuye:*
*https://www.youtube.com/watch?v=LQq8RcNp0RI&t=35s*

*Reba Ikiganiro kirambuye:*
*https://youtu.be/-SczxAiBbzc?si=J_lfxRn0SIFrp5cJ*

# 05 KUZIRIKANA K'UBUMWE N'UBUDAHERANWA BW'ABANYARWANDA

Ukwezi k'Ukwakira 2025 kwahariwe Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda, MINUBUMWE yateguye ibiganiro mu Ihuriro ry'Ubumwe n'Ubudaheranwa mu Turere twose. Abanyamuryango ba Unity Club Intwararumuri babigiramo uruhare mu Turere twa Muhanga, Kirehe, Musanze, Gicumbi, Kayonza, Nyagatare, Nyarugenge na Nyaruguru.




*Ihuriro ry'Ubumwe n'Ubudaheranwa mu Karere ka Musanze*



*Ihuriro ry'Ubumwe n'Ubudaheranwa mu Karere ka Kirehe*

## 06 GUSHIMIRA ABAFATANYABIKORWA BA UNITY CLUB



*Abanyamuryango ba Unity Club n'Abafatanyabikorwa*

Abafatanyabikorwa bamurikiwe ibikorwa byagezweho mu Umushinga w'Iterambere Rikomatanyije (Integrated Community Development Project- ICDP), bashimirwa uruhare rwabo.



*Umuyobozi wa Komisiyo ishinzwe Igenamigambi no Gushaka Imari muri Unity Club, Madamu Marry Asiimwe ageza kubafatanyabikorwa ibyagezweho mu Umushinga wa ICDP*



*Bwana Alain KABEJA wavuze mu izina ry'Abafatanyabikorwa*



*Abafatanyabikorwa*




Umuyobozi Mukuru Wungirije wa Mbere wa Unity Club, Madamu Marie Solange KAYISIRE ashimira Abafatanyabikorwa yagize ati: "Umushinga w'Iterambere Rikomatanyije (Integrated Community Development Project- ICDP) mwamurikiwe uyu munsi kandi mwagizemo uruhare, ni umwe mu mishanga minini yatanze umusanzu ukomeye mu kwimakaza Ubumwe n'Ubudaheranwa, bigashimangirwa n'imvugo igira iti "Amahitamo yacu, Iterambere Rirambye".

Turabashimira ko mwakiriye neza iki cyerekezo cy'Umuyobozi Mukuru wacu, mukagishyigikira ndetse mugatanga n'inkunga kugirango uyu mushinga [ICDP] ugere ku ntego zawo zirimo: kwita ku mibereho myiza y'ababyeyi b'Intwaza, kuzamura imibereho n'imibanire myiza y'abatuye mu mudugudu wa Taba. Icyi ni ikimenyetso cy'imikoranire myiza n'icyizere gikomeye kuri Unity Club Intwararumuri no ku Gihugu cyacu muri rusange.

*Link Amafoto na Highlight:*
*https://flickr.com/photos/unityclubrw/albums/72177720329809307/*

*Highlight: https://www.youtube.com/watch?v=WoDIGiEejnY*

## 07 UNITY CLUB YUNGUTSE ABANYAMURYANGO BASHYA

Ubuyobozi bwa Komisiyo y'Ubusabane, Imibereho myiza n'Ubukangurambaga bw'Abanyamuryango, bwishimiye kwakira Abanyamuryango bashya 7 (Abagabo 3 n'Abagore 4) mu bihe bitandukanye.



*Uhereye ibumoso Madamu Victoire MUHAWENIMANA, Madamu Diane TUYISENGE na Yves IRADUKUNDA ni bamwe mu banyamuryango bashya bakiriwe kuwa 29 Ukwakira 2025*

- Madamu Victoire MUHAWENIMANA na Rt. Hon. Dr. Justin NSENGIYUMVA, Minisitiri w'Intebe.
- Madamu Diane TUYISENGE na Hon. Yves IRADUKUNDA, Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ikoranabuhanga na Inovasiyo.



*Hon. Usta KAITESI, Bwana Richard MUHUMUZA, Hon.Solange UWITUZE ni bamwe mu banyamuryango bashya bacyiriwe kuwa 23 Ukuboza 2025*

- Hon. Usta KAITESI, Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane na Bwana Richard MUHUMUZA
- Hon. Solange UWITUZE, Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi.



Abanyamuryango bakiriwe bishimiye kuba mu muryango mwiza wa Unity Club Intwararumuri kandi biteguye gutanga umusanzu wabo mu gukomeza kubaka Ubumwe bw'Abanyarwanda.

## 08 ABANYAMURYANGO BA UNITY CLUB BIFATANIJE N'ABABYEYI B'INTWAZA KWIZIHIZA IMINSI MIKURU ISOZA UMWAKA WA 2025

Kwizihiza iminsi mikuru isoza umwaka ni igikorwa ngarukamwaka Abanyamuryango ba Unity Club bakorera Intwaza. Aba ni Ababyeyi bagizwe incike na Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994 batuye mu ngo z'Impinganzima ya Huye, Nyanza, Bugesera na Rusizi. Kugeza ubu ingo zose z'Impinganzima zituyemo Ababyeyi b'Intwaza 275 (Abakecuru n'Abasaza).

Iki gikorwa kandi kinitabirwa n'abafatanyabikorwa, kikarangwa n'ubusabane, ubutumwa butandukanye, imbyino, gutanga impano...binezeza ababyeyi ndetse n'Intwararumuri.



*Kuwa 12/12/2025 Impinganzima ya BUGESERA*



*Kuwa 3/12/2025 Impinganzima ya RUSIZI*



*Kuwa 18/12/2025 Impinganzima ya NYANZA*



*Kuwa 19/12/2025 Impinganzima ya HUYE*

Abanyamuryango bavuze mu izina ry'Umuyobozi Mukuru wa Unity Club, Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME bagarutse ku impanuro adahwema gutanga ko Intwaza ari ishuri twigiraho twese abato n'Abakuru:

*"Turabashimira rero, kuko muri ishuri twigiramo ubudaheranwa tuvuga iteka. Kongera kubaho nyuma y'ubuzima mwanyuzemo muri Jenoside na mbere yayo, mugahera ku busa mukongera kubaho ni ubutwari bukomeye!*

Bagarutse no ku intego yabo nk'Intwararumuri yo gukomeza guharanira ko imibereho y'Intwaza ikomeza kuba myiza. Ni umukoro bahuriyeho n'Abababhora hafi umunsi ku wundi wo kubamenyera ibyo bakenera byose.

Bifurije ababyeyi Noheli Nziza n'Umwaka Mushya muhire wa 2026! Bati: "Mukomeze mutubere isoôko y'ihumure, isomo ry'ubudaheranwa n'inyigisho ishimangira ko ubumwe ari wo muti w'amateka twanyuzemo."

Reba amafoto hano :
*https://flickr.com/photos/unityclubrw/albums/72177720330937503/*
*https://flickr.com/photos/unityclubrw/albums/72177720331042018/*
*https://flickr.com/photos/unityclubrw/albums/72177720331053984*

Soma Inkuru:

- https://www.igihe.com/amakuru/rwanda/article/unity-club-yifatanyije-n-ababyeyi-b-intwaza-kwizihiza-iminsi-mikurut
- https://www.newtimes.co.rw/article/31956/news/rwanda/photos-unity-club-shares-christmas-with-intwaza-in-bugeserat
- https://www.youtube.com/watch?v=KOL2v8-OPNY
- https://www.youtube.com/watch?v=uvdDN6BwPns
- https://mobile.igihe.com/amakuru/article/intwararumuri-basangiye-n-intwaza-zo-mu-impinganzima-ya-nyanza-iminsi-mikuru
- https://mobile.igihe.com/amakuru/rwanda/article/huye-unity-club-intwararuri-yahaye-intwaza-impano-z-iminsi-mikuru-isoza-umwaka

## 09 KWAGURA PALLIATIVE CARE UNITY

Mu rugo rw'Impinganzima ya Huye haguwe Palliative care unit, hongerwaho ibyumba icumi (10) bishobora kwakira abandi babyeyi b'Intwaza bakeneye ubuvuzi bwihariye. Biteganijwe ko igihembwe gitaha hazashyirwamo ibikoresho bya ngombwa kugirango itangire gukoreshwa.





*Mu rugo rw'Impinganzima ya Huye hubatswe palliative care ifite ibyumba 10*



## 10 IBIKORWA BY'INGENZI BIRI IMBERE

Umuryango Unity Club, urangajwe imbere n'Umuyobozi Mukuru wawo, Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME, urakataje mu bikorwa bituma ugera ku ntego zawo. Ibimaze kugerwaho ni byinshi ariko urugendo rurakomeje. Ni muri urwo rwego mu bihe biri imbere uyu muryango uzakomeza ibikorwa birimo:

- Gutangiza ikiciro cya 5 cya Ndi Umunyarwanda mu mashuri Makuru na Kaminuza, harimo umwihariko w'ibiganiro mu Mashuri Yisumbuye
- Gutangiza Umushinga wo kwandika amateka y'Intwaza n'Impinganzima
- Kwibuka ku inshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994
- Gukomeza ibiganiro mu Rubuga rwa Ndi Umunyarwanda kuri RBA
- Gushyira ibikoresho muri palliative care unit ya Huye
- Gukomeza ikiciro cya 2 cyo kwagurira umushinga wa ICDP i Nyanza
- Gukomeza ibikorwa bitegura Isabukuru y'imyaka 30 ya Unity Club

Umuryango Unity Club urashimira abanyamuryango n'abafatanyabikorwa bawo bagize uruhare muri ibi bikorwa; uzakomeza ubufatanye n'izindi nzego zitandukanye zirimo iza Leta n'iz'Abikorera kugirango ugere ku ntego wihaye. Ni urugendo rugikomeza kandi ruzageza Umuryango kuri byinshi

## Turashimira Abafatanyabikorwa bacu

Umuryango Unity Club Intwararumuri ukomeje kwifuriza Abafatanyabikorwa bawo umwaka mushya muhire wa 2026. Dukomeze turangwe n'Ubumwe n'Amahoro byo nkingi y'iterambere rirambye!

| | | |
|---|---|---|
| Repubulika y'u Rwanda | AGACIRO Development Fund – Rwanda Sovereign Wealth Fund | BRD – Development Bank of Rwanda – We empower you |
| bk Foundation | BNR | CrystalConnect |
| Corps Africa | Imbuto foundation | I&M Bank |
| IHS – Towers of strength | IRDP – Dialogue & Consensus | MTN |
| RBA – Rwanda Broadcasting Agency | rura – Rwanda Utilities Regulatory Authority – inspiring development | RSSB – Rwanda Social Security Board – Our Health Our Future |
| Rwanda Mountain Tea Ltd | bpr BANK | CIMERWA |
| IBUKA | ASSIMPER | UBUDASA |
| Rwanda Foam Ltd – Le Paradis du Matelas | AVEGA – Association des Veuves du Génocide – Agahozo | |

@UnityClubRw